

**IBYIFASHISHWA N'IMPUNZI**

## SERIVISI RUSANGE MURI AMERIKA

yo ugeze muri Amerika, hari serivisi rusange zitandukanye ushobora kuba wabona. Amoko n'ingano bya serivisi rusange birahindagurika bitewe n'ahantu hatandukanye. Ikigo gishinzwe gutuza abantu mukorana cyagufasha kumenya no kugera kuri serivisi rusange ushobora kuba wemerewe, ariko unakwiye kumenya no kwimenyereza umuryango mugari mushya utuyemo kugira ngo ubashe kwigeza kuri serivisi ntawe ugufashije.

### INYUNGU ZO KUBONA SERIVISI RUSANGE

Gusobanukirwa umuryango mugari utuyemo na serivisi wabona bigufasha kwigira no kwinjira mu muryango mugari. Urugero: Zimwe muri serivisi zishobora gutanga ubufasha iyo ufite ibibazo by'amafaranga cyangwa hari ibyo ukeneye byihariye. Zimwe muri serivisi rusange zishobora kugufasha gushakisha akazi no kwiga icyongereza. Izindi serivisi rusange zitanga amahirwe yo kujya mu bikorwa byo kwidagadura hamwe n'umuryango wawe. Kugira icyo ukora mu muryango mugari utuyemo ni uburyo bwiza bwo guhura n'abantu no kugabanya siteresi yo kumenyera igihugu n'umuco bishya. Icyo nyuma, kumenyera serivisi rusange, by'umwihariko serivisi z'ubutabazi bwihutirwa na polisi, bituma ugira ituze n'umutekano.

### AMOKO YA SERIVISI RUSANGE

Hari amoko menshi ya serivisi rusange; zimwe ziboneka ku buntu cyangwa ku giciro gito. Serivisi rusange zishobora kuba zitangwa na leta, imiryango itanga serivisi rusange, amadini n'amatorero, cyangwa abikorera. Imiryango igenda itandukana cyane mu bya serivisi rusange. Dore bimwe mu bisobanuro byerekeye zimwe muri serivisi rusange wabonera muri Amerika.

#### SERIVISI RUSANGE MURI AMERIKA



## Serivisi z'ubutabazi bwihutirwa na Polisi

Imiryango migari yose igira polisi, amashami ashinzwe kuzimya inkongi y'umuriro na serivisi z'ubutabazi bwihutirwa bwo kwa muganga, bikaba biha serivisi abaturage bikanabarinda. Iyo uhuye n'abapolisi, ugomba kubatega amatwi kandi ntubatinye. Iyo udashobora kuvugana n'abapolisi, usaba umusemuze. Kugira ngo ubone ubufasha bw'ubutabazi bwihutirwa, hamagara 911 kuri telephone. Niba utavuga icyongereza, wavuga "No English. Help (No Ingilishi. Helipu) oru "No English. Emergency" (No Ingilishi. Emejensi).

## Ubufasha bwa leta

Leta itanga serivisi rusange zitandukane, zimwe muri zo zishobora guhabwa abantu ku giti cyabo cyangwa imiryango babyemerewe gusa. Izo gahunda ziratanganywe kandi zishobora gutanga ubufasha bw'ibiribwa, amafaranga, cyangwa ubuvuzi. Gahunda za leta akenshi ziyoborwa n'ibigo bya leta bishinzwe imibereho myiza y'abaturage kandi biba bifite imirongo ntarengwa n'imirongo ngenderwaho mu gutoranya abazijyamo.

## Amasomero

Amasomero rusange afite ibitabo n'ibindi bikoresho, nk'ama CD na DVD, bigenewe abaturage kugira ngo babitire ku buntu. Amasomero akenshi atanga izindi porogaramu nk'ibikorwa bigenewe abana n'amasomo y'icyongereza ku bantu bakuru. Bsdhobots no kubona za mudasobwa ginewe gukoreshwa muri rusange.

## Aho kuruhukira

Aho kuruhukira haba hafunguye ku buryo hakoreshwa n'abantu muri rusange mu bikorwa byo kwidagadurira hanze, gutembera ku maguru, kwiruka, gukura imikino cyangwa kwicara no kuruhuka. Hamwe mu ho baruhukira haba hafite ahakorerwa pikiniki, aho abana bakinira n'ibibuga by'imikino. Aho baruhukira hafite amabwiriza yerekeye ibyo wahakorera n'ibyo utahakorera. Urugero: Kutajugunya imyanda ahabonetse cyangwa kwinjira aho baruhukira bumaze kwira.

## Ibiro by'iposita

Ushobora kohereza ibaruwa cyangwa ipaki cyangwa kugura tembure ku biro by'iposita. Ibiro by'iposita by'Amerika biyoborwa na leta y'Amerika.

## Ibigo by'aho kwidagadurira n'aho abaturage bahurira

Ibigo by'aho kwidagadurira n'aho abaturage bahurira ni ahantu abantu bashobora guteranira kugira ngo bitabire ibikorwa bitandukanye bari ahantu hatekanye. Ingero z'ibikorwa birimo gukora siporo cyangwa gukura imikino, kwiga cyangwa kwitabira ibiterane bihuza abantu bafite icyo bahuriyeho. Ibigo by'aho kwidagadurira biba bifunguye ku bantu bakuru n'abana, kandi ibikorwa bishobora gukorwa hishyuwe amafaranga cyangwa ku buntu.

## Cultural Orientation Resource Exchange

8719 Colesville Road, 3rd Floor • Silver Spring, MD 20910

For more information, visit the CORE Resettlement Navigator website at [corenav.org](http://corenav.org).



The contents of this fact sheet were developed under an agreement financed by the Bureau of Population, Refugees, and Migration, United States Department of State, but do not necessarily represent the policy of that agency and should not assume endorsement by the Federal Government. **This material is in the public domain and may be reproduced.**

## AMOKO Y'UBUFASHA BWA LETA

Bumwe mu bufasha bwa leta butangwa na leta y'Amerika naho ubundi bufasha bugatangwa na leta n'aho uherereye. Ku bw'iyi mpamvu, gahunda zose zikurikira si ko ziboneka muri buri muriyango mugari. Kuzuza ibisabwa kugira ngo uhabwe gahunda z'ubufasha bigenda bitandukana bitewe n'ahantu kandi bishobora gusaba bimwe mu bikorwa nko guhindura akazi cyangwa amafaranga winjiza. Ikigo gishinzwe gutuza abantu mukorana kigufasha guhabwa zimwe muri gahunda ugenewe, ariko uba unakwiye kwigerera kuri izo gahunda ubwawe.

## Gahunda z'ubufasha bw'amafaranga

Ku bantu bafite ibibazo byo gushaka akazi, hari gahunda ebyiri zitanga imfashanyo y'agateganyo ku miryango ikennye (Temporary Assistance to Needy Families [TANF]) ku babyeyi bafite abana n'imfashanyo y'amafaranga ku mpunzii (RCA) igenerwa impunzi zikiri ingaragu n'izashatse zidafite abana.

## Gahunda y'ikigege cya Matching

Ibyinshi mu bigo bishinzwe gutuza abantu bitanga iyi gahunda aho gutanga ubufasha bw'amafaranga bikayihira impunzi zifuza gukora, ariko zikaba zikeneye ubufasha bw'amafaranga mbere na mbere. Impunzi ziyandikishije muri iyi gahunda zizezeranya kubona akazi vuba bishoboka. Zo zigahabwa ubufasha bw'amafaranga, ubujyanama mu by'akazi na serivisi zo gushyirwa mu kazi mu mezi kuva kuri 4 kugeza kuri 6 ya mbere bageze muri Amerika.

## Gahunda y'imfashanyo yo kongera ibiribwa (Supplemental Nutrition Assistance Program [SNAP])

Iyi gahunda ya leta iha ubufasha bw'amafaranga abantu binjiza amafaranga make kugira ngo bagure ibiribwa. Umuntu uri muri iyi gahunda ahabwa ikarita ishobora kuba yakoresheye mu kugura ibiribwa runaka mu kwezi. Impunzi zishobora gusaba ubufasha bw'ibiribwa ku biro bya leta bizereye. Ingano y'ubufasha ishingira ku bagize umuryango n'amafaranga yinjizwa. Iyo abagize umuryango wawe bahindutse cyangwa amafaranga yinjizwa nyuma yo gutangira guhabwa imfashanyo ya SNAP, ugomba kubimenyeshya umukozi wa leta ubishinzwe ukwegereye.

## Amafaranga yo kongera umutekano (Supplemental Security Income [SSI])

Iyi ni gahunda ya leta y'ubufasha bw'amafaranga igenewe abantu bafite ubumuga bwo kutabona cyangwa barengeje imyaka 65 kandi bakaba binjiza cyangwa batinjiza amafaranga make.

## Gahunda z'imfashanyo yo kureresha umwana

Imwe mu miryango irera abana ku buntu cyangwa ku mafaranga make ikabikorera imiryango yinjiza amafaranga make kugira ngo ababyeyi babashe gukora cyangwa gushakisha akazi.